

Ibirimo/Summary/Sommaire ***page/urup***

A. Amabwiriza ya Minisitiri /Ministerial Instructions

N° 22 yo kuwa 03/04/2014

Amabwiriza ya Minisitiri yuzuzwa Amabwiriza ya Minisitiri n°19 yo kuwa 3/11/2012 yerekeye itunganywa n'icuruzwa ry'umuceri mu Rwanda.....3

N°22 of 03/04/2014

Ministerial Instructions complementing Ministerial Instructions n°19 of 3/11/2012 on rice processing and trading in Rwanda..... 3

B. Imiryango/ Organizations / Organisations

-Umuryango utagengwa na Leta ushingiyeye ku iyobokamana :«Sœurs de Sainte Chrétienne».....11

-Non-governmental organization based on religion: «Sœurs de Sainte Chrétienne».....11

-Organisation non gouvernementale fondée sur la religion: «Sœurs de Sainte Chrétienne»...11

-Umuryango ushingiyeye ku Idini: Glory House, The Miracle Center Church of Rwanda (GHMCCR).....25

-Religious based Organisation: Glory House, The Miracle Center Church of Rwanda (GHMCCR).....25

-Organisation fondée sur la religion: Glory House, The Miracle Center Church of Rwanda (GHMCCR).....25

-Umuryango Nyarwanda utari uwa Leta: Centre de Perfectionnement et de Promotion Agricole de Kisaro (CPPA)40

National non Governmental Organization: Centre de Perfectionnement et de Promotion Agricole de Kisaro (CPPA)40

Organisation non Gouvernementale Nationale: Centre de Perfectionnement et de Promotion Agricole de Kisaro (CPPA)40

-Amategeko Shingiro y'umuryango ushingiyeye ku Idini: «Ordre de Sainte Claire» mu Rwanda.....58

-Statutes of Religious based Organisation: «Ordre de Sainte Claire» in Rwanda.....58

-Statuts de l'organisation fondée sur la religion: « Ordre de Sainte Claire» au Rwanda.....58

-Amategeko shingiro avuguruye agenga umuryango “New Jerusalem Church” mu Rwanda.....75

-Amended Constitution of the New Jerusalem Church in Rwanda.....75

-Statuts de l'Association “New Jerusalem Church”au Rwanda.....75

C. Amakoperative / Cooperatives / Coopératives

- C.T.H.....	91
-KOBASHA.....	92
-KODUDU.....	93
-KOTWUNYA.....	94
-ICYEREKEZO MUKO.....	95
-ABAKARANI B'UMURAVA NSINDA.....	96
-DUHARANIRE ISUKU – RONGL.....	97
-KOTUSO.....	98
-KOPIUKA.....	99
-CODEANYA KOTANIRUBWIYUNGE.....	100

AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° 22 YO KUWA 03/04/2014 YUZUZA AMABWIRIZA YA MINISITIRI N°19 YO KUWA 3/11/2012 YEREKEYE ITUNGANYWA N'ICURUZWA RY'UMUCERI MU RWANDA

Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda,

Ashingiye ku Itegeko n°36/2012 ryo kuwa 21/09/2012 rigenga ihiganwa mu bucuruzi no kurengera abaguzi, cyane cyane mu ngingo zaryo za 47 na 48;

Ashingiye ku Itegeko n° 07/2009 ryo ku wa 27/4/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi, cyane cyane mu ngingo zaryo 4 na 16,

Ashingiye ku Itegeko n°15/2001 ryo ku wa 18/01/2001 rigenga Ubucuruzi bw'Imbere mu Gihugu, cyane cyane mu ngingo zaryo za 19 na 20;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2013 ryo ku wa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gitsura Ubuziranenge rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo;

Ashingiye ku Itegeko n° 61/2013 ryo kuwa 23/08/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuziranenge, Ihiganwa mu bucuruzi no kurengera Abaguzi rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo;

Ashingiye ku Mabwiriza ya Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda n°21/2013 yo kuwa 03/07/2013 ashiraho Amabwiriza Nyarwanda y'Ubuziranenge Ntarengwa;

Ashingiye kuri politiki y'ubucuruzi mu Rwanda yo mu mwaka wa 2010 igaragaza imitunganyirize y'ubucuruzi mu Rwanda;

Ashingiye kuri politiki y'u Rwanda y'ubuziranenge yo mu mwaka wa 2010;
Ashingiye kuri politiki igenga igihingwa cy'umuceri mu Rwanda yo mu mwaka wa 2010;

Ashingiye ku byemezo by'inama zinyuranye ku bibazo byerekeye imitunganyirize y'ubucuruzi bw'umuceri mu Rwanda;

Asubiye ku mabwiriza ya Minisitiri n° 19 yo kuwa 3/11/2012 yerekeye itunganywa n'icuruzwa ry'umuceri mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 1, iya 7, iya 8, iya 12, iya 15, iya 22 n'iya 23;

MINISTERIAL INSTRUCTIONS N° 22 OF 03/04/2014 COMPLEMENTING MINISTERIAL INSTRUCTIONS N°19 OF 3/11/2012 ON RICE PROCESSING AND TRADING IN RWANDA

The Minister of Trade and Industry,

Pursuant to Law n°36/2012 of 21/09/2012 relating to competition and consumer protection, especially in its articles 47 and 48;

Pursuant to Law N° 07/2009 of 27/4/2009 relating to companies, especially in its articles 4 and 16,

Pursuant to Law n°15/2001 of 18/01/2001 concerning organization of Internal Trade, especially in its Articles 19 and 20;

Pursuant to Law N°50/2013 of 28/06/2013 establishing Rwanda Standards Board (RBS) and determining its mission, organisation and functioning;

Pursuant to Law N°61/2013 of 23/08/2013 establishing National Standards Inspectorate, competition and Consumer Protection Authority (NICA) and determining its mission, organization and functioning;

Pursuant to the Instructions of the Minister of Trade and Industry n°21/2013 of 03/07/2013 declaring compulsory Rwandan Standards;

Pursuant to the Rwanda Trade Policy 2010 that stipulates the organization of trade in Rwanda;

Pursuant to the Rwanda Quality Assurance Policy 2010;
Pursuant to the Rwanda Rice Policy 2010 ;

Pursuant to the resolutions of different meetings that discussed the issues on the organization of the rice trading in Rwanda;

Having considered the Ministerial Instructions n°19 of 3/11/2012 on Rice processing and trading in Rwanda, especially in its articles 1, 7, 8, 12, 15, 22 and 23;

Amaze kugisha inama Inzego zose bireba;

Having consulted all relevant institutions;

ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:

HEREBY ISSUES THE FOLLOWING INSTRUCTIONS:

Ingingo ya mbere : Ikigamijwe

Article One: Purpose

Aya Mabwiriza yuzuza amabwiriza ya Minisitiri n°19 yo ku wa 3/11/2012 yerekeye itunganywa n'icuruzwa ry'umuceri mu Rwanda.

These Instructions complement the Ministerial Instructions n° 19 of 3/11/2012 on rice processing and trading in Rwanda.

Ingingo ya 2: Uwemerewe gucuruza umuceri udatonoye

Article 2: Person certified for paddy rice trade

Ingingo ya 1 y'amabwiriza ya Minisitiri n° 19 yo kuwa 3/11/2012 yerekeye itunganywa n'icuruzwa ry'umuceri mu Rwanda ihinduwe kandi yujijwe ku buryo bukurikira:

Article 1 of Ministerial Instructions n° 19 of 3/11/2012 on rice processing and trading in Rwanda shall be modified and complemented as follows:

“Amakoperative y'abahinzi b'umuceri afite uruhushya rwo gucuruza umuceri udatonoye bakawushyikiriza gusa inganda zemewe zifite uruhushya rwo gutunganya umuceri rutangwa na Minisitiri ufite ubucuruzi n'inganda mu nshingano ze. Ayo makoperative agomba kuba afite ubuzimagatozi butangwa n'ikigo cy'Igihugu gishinzwe amakoperative kandi bwaratangajwe mu igazeti ya Leta.

“Only cooperatives of rice farmers shall be authorized to sell and distribute paddy rice only to licensed rice processing plants that have a permit to process rice, issued by the Minister of Trade and Industry. Those cooperatives must have legal status issued by Rwanda Cooperative Agency (RCA) and published in the official Gazette of the Republic of Rwanda.

Umuhinzi w'umuceri waba udafite koperative abarizwamo ku mpamvu zitamuturutseho, agomba kugira koperative ifite ibyangombwa biteganywa n'aya mabwiriza acishamo umusaruro we ukagurishirizwa hamwe n'uwabanyamuryango b'iyi koperative”.

Any rice farmer who is not involuntarily member of any cooperative shall have a cooperative fulfilling all requirements established by these instructions through which his/her production must be sold together with the production of the cooperative members”.

Umuhinzi w'umuceri wabigize umwuga uHINGA ku buso buri hejuru ya hegitari 10 ashobora gusaba uruhushya rwo gucuruza umuceri udatonoye rutangwa na Minisitiri ufite ubucuruzi n'inganda mu nshingano ze. Uwahawe urwo ruhushya ashyikiriza umusaruro we inganda zemewe zifite uruhushya rwo gutunganya umuceri udatonoye.

Any professional rice farmer cultivating rice on the surface area exceeding 10 hectares shall apply for the authorization of trading paddy rice which shall be issued by the Minister of Trade and Industry. The beneficiary of the authorization shall bring his/her production to licensed rice processing plants that have a permit to process paddy rice.

Ingingo ya 3: Ibisabwa Uruganda rutonora umuceri

Article 3: Requirements for a rice processing plant

Ingingo ya 7 y'amabwiriza ya Minisitiri n° 19 yo kuwa 3/11/2012 yerekeye itunganywa n'icuruzwa ry'umuceri mu Rwanda ihinduwe kandi yujijwe ku buryo bukurikira:

Article 7 of Ministerial Instructions n° 19 of 3/11/2012 on rice processing and trading in Rwanda shall be modified and complemented as follows:

a. Ibyemezo by'Inzego z'ubuyobozi

a. Certificates issued by relevant institutions

Umuntu wifuzaga gushyiraho uruganda rutunganya umuceri agomba gusaba uruhushya rutangwa na

Any person who would like to establish a rice processing plant shall apply for an authorization to

Minisitiri ufite ubucuruzi n'inganda mu shingano ze, kandi agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- 1° Kuba afite icyemezo gitangwa n'urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) kigaragaza ko Uruganda rwandikishijwe mu gitabo cy'ubucuruzi;
- 2° Kuba afite icyemezo gitangwa n'ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibidukikije (REMA) kigaragaza ko aho Uruganda ruzakorera hatabangamiye Ibidukikije ;
- 3° Kuba afite icyemezo gitangwa n'ikigo cy'igihugu gishinzwe gutsura ubuziranenge (RBS);
- 4° Kugaragaza lisiti y'amakoperative y'abahinzi b'umuceri bafitanye amasezerano yanditse yo kuzagemurira urwo ruganda umuceri udatonoye.

Ayo masezerano agomba kugaragaza uruhare rw'uruganda mu gushyira mu bikorwa za gahunda zo gufasha abahinzi b'umuceri kongera umusaruro no gufata neza ibikorwa remezo bifasha ubuhinzi bw'umuceri.

Mu rwego rwo kubaka ubufatanye burambye hagati y'inganda n' abahinzi b'umuceri, abanyenganda bashishikarizwa guha ayo makoperative bakorana byibura 40% y'imigabane ku mari shingiro y'izo nganda.

b. Ibisabwa ku nyubako y'Uruganda

Inyubako ikorerwamo imirimo yo gutunganya no gutonora umuceri igomba kuzuza ibi bikurikira :

- 1° Kuba zubakishijwe amatafari ahiye cyangwa amatafari akozwe muri sima (blocks); cyangwa ibindi bikoresho bigezweho ;
- 2° Ahaterekwa imashini, ububiko n'ahakorerwa hose hagomba kuba hari sima cyangwa amakaro ;
- 3° Kugira umuyoboro usohora amazi ava mu ruganda;
- 4° Amatara yo mu ruganda agomba kuba afunitse;
- 5° Kuba yubatse ku buryo yinjiza ikanasohora umwuka;
- 6° Amadirishya n'ahandi hanyura umwuka hagomba kuba hafite utuyunguruzo turinda iyinjira ry'udukoko (insect traps/nets);
- 7° Kuba isakaye neza itava igihe imvura

the Minister of Trade and Industry and should fulfil the following:

- 1° Certificate of Domestic Company Registration issued by Rwanda Development Board;
- 2° Permit issued by Rwanda Environment Management Authority (REMA) showing that the future plant location does not jeopardize the Environment;
- 3° Certificate issued by the Rwanda Bureau of Standards (RBS);
- 4° Showing the list of cooperatives of rice growers that have written contracts to supply the paddy rice to that processing plant.

Such contract shall show the role of the plant in implementing the program of assisting rice growers to increase production and maintain infrastructure related to rice growing.

In order to establish sustainable partnerships between plants and rice growers, the plant owners are encouraged to give to those cooperatives 40% of the share capital of those plants.

c. Requirements for the plant's building

The building in which the rice processing activities are carried out shall fulfil the following:

- 1° Built of baked bricks or blocks or of other modern materials;
- 2° Machine stands, storages and any other place in which activities are carried out shall be paved in cement or tiles;
- 3° Having a water pump moving the water from the plant;
- 4° Plant lights shall be wrapped;
- 5° Built in a way that it can release or let air come in;
- 6° Windows and other places in which air may pass shall contain tammies protecting the building from the entrance of insect traps/nets;
- 7° Well roofed and not reachable by

- iguye;
- 8° Kuba yubatse ku buryo aho umuceri udatonoye (*Paddy*) winjirira n'aho umuceri watonowe usohokera bitandukana;
- 9° Kuba ifite ibyuma bizimya umuriro bihagije kandi bigakorerwa isuzumwa buri mezi atandatu”.

Ingingo ya 4 :Isuku mu ruganda

Ingingo ya 15 y'amabwiriza ya Minisitiri n° 19 yo kuwa 3/11/2012 yerekeye itunganywa n'icuruzwa ry'umuceri mu Rwanda ihinduwe kandi yujijwe ku buryo bukurikira;

“Uruganda rutunganya rukanatonora umuceri rugomba kuba rufite isuku mu buryo bukurikira:

1° Ububiko mu ruganda

- a. Umuceri udatonoye (*Paddy*) ugomba kwanikwa ahari isuku, humutse kandi hisanzuye bihagije;
- b. Ububiko bw'umuceri bwose bugomba kuba bufite ibikoresho byabugenewe biterekwaho imifuka (palettes);
- c. Kuba hari uburyo bwo kurinda ingugunnyi (rodents) zakwinjira mu bubiko;
- d. Mu bubiko bw' umuceri hagomba kuba hasigara nibura metero imwe kuva ku gisenge no kuva ku nkuta kandi hari inzira zo kunyuramo (corridors);
- e. Kuba uruganda rufite ibikoresho byo gupima ubuhehere (moisture content) bw'umuceri mbere yo gushyirwa ku isoko.

2° Isuku ku bubiko bw'umuceri

Abaranguza umuceri bagomba kugira ububiko butunganye, buzwi kandi bwujije ibisabwa mu byerekeranye n'isuku ndetse n'ibindi bipimo bukurikira:

- a. kuba bufite umwanya uhagije ku buryo hakorwa isuku bitagoranye,
- b. kuba hari umwuka uhagije,
- c. kuba hatwikiriye neza,
- d. kuba hafite isaso (y'imbaho),
- e. kuba hakingwa neza hakanagenzurwa neza mu gihe bibaye ngombwa (buri hantu hagerwa nta ngorane),
- f. kuba butavirwa”.

rainwater;

- 8° Well built to the extent that the entrance for the paddy rice and the exit for the processed rice are different;
- 9° Having enough fire extinguishers and shall be tested every six months”.

Article 4 : Plant hygiene

Article 15 of Ministerial Instructions n° 19 of 3/11/2012 on rice processing and trading in Rwanda shall be modified and complemented as follows:

“Any rice processing plant shall have hygiene in accordance with the following:

1° Plant storage

- a. The paddy rice shall be dried at a clean and dry place with enough space;
- b. The whole rice storage shall have required palettes;
- c. Rodent protection means;
- d. In the rice storage, there shall be at least one meter from the roof and from walls and shall contain corridors;
- e. Having equipments to measure the rice moisture content before it is taken to market.

2° Hygiene in a rice storage

All rice wholesalers shall have appropriate and known warehousing facilities, meeting requirements regarding hygiene and other following standards:

- a. Having enough space for hygiene purposes,
- b. having enough air,
- c. well sheltered,
- d. having wood floor,
- e. well locked and well controlled when needed (with easy access),
- f. the warehouse shall not be reachable by rainwater”.

Ingingo ya 5 : Ibirebana n'Abakozi bo mu ruganda **Article 5: Plant personnel**

Abakozi b'uruganda rutunganya rukanatonora umuceri rugomba kuzuza ibi bikurikira:

- a. Abakozi b'uruganda bagomba kuba bambaye imyambaro y'akazi yabugenewe, uturindantoki, bapfutse imisatsi kandi bambaye za « masks » mu gihe bari mu kazi;
- b. Uruganda rugomba kugira ubwiherero bumena amazi (flush toilet) bw'abakozi n'ubw'abashyitsi kandi busukuye burimo amazi ahagije;
- c. Uruganda rugomba kuba rufite aho abakozi bakarabira (bath rooms) mbere yo kwinjira mu ruganda na nyuma yo kurangiza akazi;
- d. Abakozi bagomba gukorerwa isuzumwa ry'indwara zandura nibura rimwe mu gihembwe.

The rice processing plant personnel shall fulfil the following:

- a. The plant personnel shall, at work, put on the required work related uniform, gloves, masks;
- b. The plant shall have a flush toilet for its personnel and another one for its visitors which shall be clean and have enough water;
- c. The plant shall have bathrooms used by its personnel before and after the work;
- d. The personnel shall, at least once a quarter, benefit for transmittable disease test.

Ingingo ya 6: Imashini zitonora zikanatunganya umuceri **Article 6: Rice processing machines**

Ingingo ya 12 y'amabwiriza ya Minisitiri n° 19 yo kuwa 3/11/2012 yerekeye itunganywa n'icuruzwa ry'umuceri mu Rwanda yujijwe ku buryo bukurikira:

“Uruganda rwemerewe gutonora umuceri rugomba kuba rufite imashini zujuje ibi bikurikira:

- 1° Ibyuma by'imashini bikubanaho mu gihe cyo gutonora umuceri bigomba kuba bikozwe mu byuma bitagwa ingese (Stainless steel);
- 2° Imashini zitunganya umuceri zigomba kuba zubatse mu buryo bw'uruhererekane (processing chain). Muri urwo ruhererekane hagomba kuba harimo:
 - i. imashini za rukuruzi (magnet) zivanamo ibyuma mu muceri kandi zigashyirwa mu byiciro (phases) bitandukanye;
 - ii. uburyo bwo gukuramo amabuye (destoner);
 - iii. uburyo bwo gutandukanya ibyiciro (grades) by'umuceri waturunganyijwe (grader);
- 3° Iminzani ipima ikoresheya mu ruganda igomba kuba iregeye (calibration) nk'uko amabwiriza y'ubuziranenge abisaba;
- 4° Imashini zitonora umuceri zigomba kuba zifite uburyo bwo gusohora ivumbi (fume

Article 12 of Ministerial Instructions n° 19 of 3/11/2012 on rice processing and trading in Rwanda shall be complemented as follows:

“The certified rice processing plant shall have the machines which fulfil the following:

- 1° Machines with steels which touch each other during the rice processing activities shall be made with stainless steels;
- 2° The rice processing machines must be built according to a processing chain. That processing chain must contain:
 - i. magnets which shall remove steels from rice shall be classified into different phases;
 - ii. destoner procedures;
 - iii. processed rice grade separating procedures;
- 3° Scales used in plants shall be calibrated in accordance with instructions on standards;
- 4° The rice processing machines must have a fume extractor so that the fume cannot be

extractor) ntirikwirakwire ahakorera imirimo mu Ruganda;

seen in all places reserved for the plant's activities ;

5° Imashini zigomba kuba zifite ubushobozi bwo gutonora umuceri ku byiciro bikurikira:

5° The machines must have the rice processing capacity in accordance with the following grades:

- i. icyiciro cya mbere (grade one) kigomba kuba kitarenza igipimo cya 10 ku ijana ((10%) hakurikijwe ubucagagure bw'umuceri;
- ii. icyiciro cya kabiri (grade two): kigomba kuba kitarenza igipimo cya 25 ku ijana (25%) hakurikijwe ubucagagure bw'umuceri;
- iii. icyiciro cya gatatu (grade three): kigomba kuba kitarenza igipimo cya 50 ku ijana (50%) hakurikijwe ubucagagure bw'umuceri".

- i. grade one: according to the grinding level not exceeding 10%;
- ii. grade two: according to the grinding level not exceeding 25%;
- iii. grade three: according to the grinding level not exceeding 50%.

Ingingo ya 7: Ibubujjwe

Article 7: Prohibitions

Ingingo ya 22 y'amabwiriza ya Minisitiri n° 19 yo kuwa 3/11/2012 yerekeye itunganywa n'icuzwa ry'umuceri mu Rwanda yujijwe ku buryo bukurikira:

Article 22 of Ministerial Instructions n° 19 of 3/11/2012 on rice processing and trading in Rwanda shall be complemented as follows:

“Uruganda rutujjwe ibisabwa mu ngingo ya gatatu (3) y'aya mabwiriza rubujjwe gukora imirimo yo gutunganya no gutonora umuceri; Imashini zitujjwe ibisabwa mu ngingo ya gatandatu (6) y'aya mabwiriza ndetse zikaba zitujjwe ibisabwa n'amabwiriza y'ubuziranenge ntizemerewe gutonora umuceri;

“The plant not meeting the requirements in article three (3) of the present instructions shall not conduct the rice processing activities; The machines not meeting the requirements in article six (6) of the present instructions and instructions on standards shall not conduct the rice processing activities;

Umuceri watonorewe mu ruganda rutujjwe ibisabwa biteganywa n'aya mabwiriza, waba ufatiwe ku masoko atandukanye cyangwa ku ruganda rwawutonoye rutabyemerewe ukurwa kw'isoko ugashyikirizwa Ubuyobozi bw'Akarere wafatiwemo ugakoreshwa mu bikorwa by'ubugiraneza;

The rice processed in the plant not meeting the requirements established by the present instructions, whether found on any markets or in the plant which processed the rice in question unlawfully shall be removed from markets and shall be transferred to the concerned District management for charitable purposes;

Umuceri udatonoye waguzwe n'uruganda rutujjwe ibisabwa biteganywa n'aya mabwiriza ushyikirizwa Ubuyobozi bw'Akarere wafatiwemo ukagurishwa mu cyamunara mu nganda zujjwe ibisabwa;

The paddy rice bought by the plant not meeting the requirements established by the present instructions shall be transferred to the concerned District management and shall be sold by auction to plants meeting the requirements;

Imashini zitonora umuceri zitujjwe ibisabwa biteganywa n'aya mabwiriza zikurwa ku isoko zikagurishwa n'akarere mu nganda zisya ibyuma ziri mu Gihugu”.

The rice processing machines not meeting the requirements established by the present instructions shall be removed from markets and shall be sold to steel grinding plants operating in the country by the relevant District”.

Ingingo ya 8: Amafaranga avuye mu igurishwa ry'imashini zafashwe

Amafaranga avuye mu igurishwa ry'imashini zafashwe ahabwa nyir'imashini habanje gukurwamo amafaranga y'imodoka n'abakozi byakoreshejwe mu gupakira izo mashini kugirango zigezwe aho zigurishirizwa.

Icyakora iyo ari insubirakosa nyir'imashini yamburwa imashini zikagurishwa amafaranga avuyemo agashyirwa kuri konti y'Akarere

Ingingo ya 9: Amafaranga avuye mu igurishwa ry'umuceri udatonoye wafashwe

Amafaranga avuye mu igurishwa ry'umuceri udatonoye wafashwe ashirwa kuri konti y'Akarere.

Ingingo ya 10: Ivanwaho ry'ingingo

Ingingo ya 8 n'ya 12 z'amabwiriza ya Minisitiri n° 19 yo kuwa 3/11/2012 yerekeye itunganywa n'icuzwa ry'umuceri mu Rwanda zikuweho.

Ingingo ya 11: Abashinzwe gushyira mu bikorwa

Ingingo ya 23 y'amabwiriza ya Minisitiri n° 19 yo kuwa 3/11/2012 yerekeye itunganywa n'icuzwa ry'umuceri mu Rwanda ihinduwe kandi yujwe ku buryo bukurikira:

“Minisitiri y'ubucuruzi n'Inganda, Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge, Polisi y'Igihugu n'Inzego z'Ibanze bashinzwe gushyira mu bikorwa aya mabwiriza”.

Ingingo ya 12: Ishyirwa mu bikorwa

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa umunsi yatangarijwe mu igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Ingingo ya 13: Igihe cy'inziyacyuho

Inganda zifite icyemezo cya Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda cyizemerera gukora imirimo yo gutonora umuceri ariko zikaba hari ibyo zitubahiriza biteganywa n'aya mabwiriza, bahawe igihe cy'amezi atatu (3) kugira ngo bubahirize ibisabwa byose uherye umunsi aya mabwiriza yatangarijwe mu Igazeti ya Leta ya

Article 8: Funds from sold seized machines

The funds from sold seized machines shall be given to the machine owner after deducting the transport fees for cars and personnel used to load those machines so that they can reach their market destination.

However, if the case has happened more than once, the machine owner shall be deprived of his/her machines and those machines will be sold. The funds from the sold machines will be transferred to the District bank account.

Article 9: Funds from sold seized paddy rice

The funds from sold seized paddy rice will be transferred to the District bank account.

Article 10: Repealing provision

Article 8 and Article 12 of the Ministerial Instructions n° 19 of 3/11/2012 on rice processing and trading in Rwanda are hereby repealed.

Article 11: Institutions in charge of the implementation

Article 23 of Ministerial Instructions n° 19 of 3/11/2012 on the rice processing and trading in Rwanda shall be modified and complemented as follows:

“Ministry of Trade and Industry, Rwanda Bureau of Standards, Rwanda National Police and Local administrative entities shall implement these instructions”.

Article 12: Commencement

These instructions come into force on the date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 13: Transition period

The plants having a permit issued by the Minister of Trade and Industry authorizing them to conduct rice processing activities but with some requirements established by these instructions they do not meet, are given a three (3) months period to meet all requirements to be counted from the date of their publication in the Official Gazette of the

Official Gazette n°16 bis of 21/04/2014

Repubulika y'u Rwanda.

Republic of Rwanda.

Bikorewe i Kigali, ku wa **03/04/2014**

Done at Kigali, on **03/04/2014**

(sé)
François KANIMBA
Minisitri w'Ubucuruzi n'Inganda

(sé)
François KANIMBA
Minister of Trade and Industry

Official Gazette n°16 bis of 21/04/2014

**Itegeko Shingiro rigenga
Umuryango wa «Sœurs de Sainte Chrétienne»**

**STATUTS des
«Sœurs de Sainte Chrétienne»**

**STATUTES
«Soeurs de Sainte Chrétienne»**

**Umuryango utagengwa na Leta
ushingiye ku iyobokamana**

**Organisation non gouvernementale
fondée sur la religion**

**Non-governmental organization
based on religion**

**UMUTWE WA MBERE:
Izina n'igihe umuryango uzamara**

**CHAPITRE PREMIER:
Dénomination et durée**

**CHAPTER ONE:
Name and duration**

Ingingo ya mbere: Izina

Article premier: Dénomination

Article One: Name

Umuryango wa « Sœurs de Sainte Chrétienne », ni L'Organisation non gouvernementale fondée sur la religion, dénommée «Sœurs de Sainte Chrétienne » called "Soeurs de Sainte Chrétienne" replaces the non-iyobokamana, usimbuye Umuryango udaharanira remplace l'Association Sans But Lucratif portant la profit association of the same name, with legal inyungu wari ufite iryo zina, wahawe ubuzima gatozi même dénomination, dotée de la personnalité civile personality according to decree No. 246/01 / JUST of 5 mu iteka n° 246/ 01/ JUST ryo ku wa 5 Kanama 1971, selon l'Arrêté N°246 / 01 / JUST du 5 août 1971, dont August 1971 whose legal representatives have been Abawuhagarariye imbere y'amategeko bakaba les Représentants légaux ont été agréés par l'Arrêté approved by the Ministerial Decree No. 87/11 of barashyizweho n'iteka rya Minisitiri n° 87/11 ryo ku Ministériel N° 87/11 du 13/09.2005 (publié au Journal 13/09.2005 (published in the Official Gazette n ° 22 of wa 13/09/2005 (ryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 22 Officiel n°22 du 15/11/2005). Elle se conforme aux 15/11/2005). It complies with the standards laid down yo ku wa 15/11/2005). Uyu Muryango ugendera ku normes édictées par la Loi n° 06/2012 du 17/02/2012, by the Act No. 06/2012 of 17.02.2012, published in mabwiriza yashyizweho n'Itegeko n° 06/2012 ryo ku publiée au Journal Officiel n°15, du 09/04/2012. Official Gazette No. 15 from 09/04/2012. wa 17/02/2012, ryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 15 yo ku wa 09/04/2012.

Ingingo ya 2: Igihe umuryango uzamara

Article 2: Durée

Article 2: Duration

Umuryango uzamara igihe kitazwi.

L'Organisation est constituée pour une durée indéterminée. The Organization is established for an indefinite period.

UMUTWE WA 2:

Inshingano z'umuryango, aho n'abagenerwabikorwa bawo

CHAPITRE 2:

Mission, zone d'intervention, bénéficiaires

CHAPTER 2:

Mission, area of intervention, beneficiaries

Ingingo ya 3: Inshingano

Umuryango ufite inshingano zikurikira :

- Kuba mu muryango nk'uwiyeguriyimana, hakurikijwe Amategeko shingiro ya Kiliziya Gatolika ;
- Kuyobora ibigo bitangirwamo inyigisho n'uburere ;
- Kwita ku bantu batagira kivurira, abarwayi n'abakene;
- Kugira uruhare mu bikorwa bifasha abantu mu iterambere ry'imibereho myiza, ubukungu n'umuco.

Article 3: Mission

L'Organisation a pour mission:

- pratiquer la vie religieuse en communauté, selon des Constitutions approuvées par l'Eglise catholique,
- gérer des institutions d'enseignement et d'éducation.
- œuvrer dans des activités de s pauvres.
- participer à des œuvres philanthropiques pour les personnes vulnérables, les malades, les handicapés et les personnes en situation de précarité.

Article 3: Mission

The organization's mission:

- Practicing religious life in community, according to the Constitutions approved by the Catholic Church,
- Management of educational institutions.
- Operate in service activities for the vulnerable, the sick, and the poor.
- Participate in philanthropic organizations for social, economic and cultural development.

Ingingo ya 4: Aho Umuryango uzakorera

Umuryango uzakorera aho ari ho hose ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda.

Article 4: Zone d'intervention

L'Organisation exerce ses activités sur tout le territoire de la République du Rwanda.

Article 4: Zone of Intervention

The organization operates throughout the territory of the Republic of Rwanda.

Ingingo ya 5 : icyicaro n'aderesi

Icyicaro cy'Umuryango kiri mu mugi wa Kigali, Akarere ka Nyarugenge, Umurenge wa Muhima, Akagari ka Rugenge, Umudugudu wa Imihigomyiza, mu kibanza gifite n° 3521, ukaba ubarizwa ku parcelle cadastrée sous le n°3521, en référence à la plot under No.3521, in reference to PO Box 1384, gasanduku k'iposita 1384 i Kigali, kuri telefoni 0788844040.

Article 5: Siège social et adresse

Le siège social de l'Organisation est fixé en la ville de Kigali, District de Nyarugenge, Secteur Muhima, Cellule Rugenge, Umudugudu Imihigomyiza, sur la Cellule cadastrée sous le n°3521, en référence à la plot under No.3521, in reference to PO Box 1384, au téléphone 0788844040.

Article 5: Headquarters and address

The Headquarters of the Organization is set in the city of Kigali, Nyarugenge District, Muhima Sector, Rugenge cell, Imihigomyiza Quarter, on registered plot under No.3521, in reference to PO Box 1384, Kigali, Phone 0788844040.

Icyo cyicaro gishobora kwimurirwa ahandi aho ari ho hose mu gihugu, byemejwe n'Inteko idasanzwe, ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'abanyamuryango bitabiriye inama.

Ce siège peut être transféré en un autre endroit de la République du Rwanda par décision prise en Assemblée Générale Extraordinaire, à la majorité des deux tiers des membres présents.

This seat can be transferred to another place of the Republic of Rwanda by decision after an Extraordinary General Meeting with a majority of two thirds of the members present.

Ingingo ya 6: Abagenerwabikorwa

Ibikorwa by'Umuryango bigera ku muntu wese ukeneye kwigishwa no guhabwa uburere, kugobokwa, gutozwa imigenzo myiza mbonezabupfura n'imigenzo myiza mbonezamana, gufashwa mu bikorwa bibyara inyungu.

Article 6: Bénéficiaires

Les activités de l'Organisation sont offertes à toute personne sollicitant un service d'enseignement et accompagnement moral et spirituel, une collaboration à des activités génératrices de revenus.

Article 6: Beneficiaries

Activities of the organization are open to anyone seeking a teaching and educational service, a moral and spiritual support, collaboration to income generating activities.

UMUTWE WA 3:

Kuba umunyamuryango no kureka kuba we

Ingingo ya 7 : Ibyiciro by'abanyamuryango

Umuryango ugizwe n'abanyamuryango bawo gusa.

CHAPITRE 3:

Acquisition et perte de la qualité de membres

Article 7 : catégories de membres

L'Association se compose uniquement de membres effectifs.

CHAPTER 3:

Membership and Regulation of members

Article 7: categories of membership

The Association shall consist only of members who abide by the Rules and Regulations of the Organization.

Ingingo ya 8 : Kuba umunyamuryango

Umunyamuryango ni umuntu wese, wifuje kwinjira mu Muryango kandi bikemezwa n'Inteko Rusange ibisabwe n'Inama y'Ubuyobozi, hanyuma agakora amasezerano amwinjiza mu muryango wa Soeurs de Sainte Chrétienne.

Article 8 : acquisition de la qualité de membre

Est membre de l'Organisation toute personne qui après s'être engagée par vœux dans la vie consacrée dans la Congrégation des Sœurs de Sainte Chrétienne, a sollicité son adhésion à l'Organisation, et a été approuvée par l'Assemblée Générale sur proposition du Conseil d'Administration.

Article 8: Acquisition of membership

Is a member of the Organization any person who, after being engaged by the vows of consecrated life in the Congregation of "Soeurs de Sainte Chrétienne", has applied for membership in the Organization, and has been approved by the General Assembly on the proposal of the Board.

Ingingo ya 9 : Umubare w'abanyamuryango

Nta mubare w'abanyamuryango uteganyijwe; ariko kandi ntushobora kujya munsu y'abantu batatu. Urutonde rw'abanyamuryango rukorwa buri mwaka ; rushyikirizwa ubuyobozi bubifitiye ububasha ruherekejwe na raporo y'umwaka.

Article 9: nombre des membres

Le nombre des membres effectifs est en principe illimité; il ne peut jamais être inférieur à trois. La liste des membres est tenue à jour annuellement; elle est transmise avec le rapport annuel à l'autorité compétente.

Article 9: Number of members

The number of members is unlimited in principle; it can never be less than three. The list of members is maintained annually and is transmitted with the annual report to the competent authority.

Ingingo ya 10: Kureka kuba umunyamuryango

Umuntu areka kuba umunyamuryango iyo:

- Yapfuye;
- Yasezeye bigaragazwa n'icyemezo yashyikirije abahagarariye umuryango ;

Article 10: Perte de la qualité de membre

Toute personne peut perdre la qualité de membre par :
- le décès;
- la démission présentée par écrit au Représentant Légal ;

Article 10: Loss of membership

Anyone can lose membership by:
- Death;
- Resignation submitted in writing to the Legal Representative;

Official Gazette n°16 bis of 21/04/2014

- Byemejwe n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa 2/3 by'abanyamuryango kandi bisabwe n'Inama y'Ubuyobozi, bitewe n'uko yarenze ku mabwiriza akubiye mu Itegeko shingiro ry'umuryango no mu Itegekongamikorere.
- la majorité de 2/3 des membres effectifs sur proposition du Conseil d'Administration aux motifs de violation persistante des dispositions des présents Statuts et du Règlement d'ordre intérieur.
- The decision by the General Assembly by a majority of two thirds of the full members of the Board of Directors , proposal on the grounds of persistent violation of the provisions of this Constitution and the Rules of Procedure.

UMUTWE WA 4:

Imitunganyirize, ububasha n'inshingano by'inzego z'umuryango

Ingingo ya 11: Imitunganyirize y'inzego

Inzego z'Umuryango ni Inteko Rusange, Inama y'Ubuyobozi, Komisiyo y'umutungo n'Urwego rwokukemura amakimbirane.

Ingingo ya 12: Inteko Rusange

Inteko Rusange ni Urwego rw'ikirenga rw'Umuryango; rufite inshingano zikurikira :

- Kugena no kuyobora imikorere rusange y'Umuryango : igenamigambi, gahunda y'ibikorwa ;
- Kwemeza no kuvugurura Itegeko shingiro ry'Umuryango n'Itegeko ngengamikorere ;
- Gushyiraho no gukuraho Abahagarariye Umuryango, abagize Inama y'Ubuyobozi, kimwe n'abagize Komisiyo ishinzwe umutungo n'Urwego rukemura amakimbirane ;
- Kwemeza raporo y'ibikorwa by'Inama y'Ubuyobozi, ingengo y'imari n'imicungire y'umuryango ;

CHAPITRE 4:

Structure, compétence et attributions des organes

Article 11: Les structures

Les organes de l'Organisation sont l'Assemblée Générale, le Conseil d'Administration, la Commission financière, et l'Organe de résolution des conflits.

Article 12 : L'Assemblée Générale

L'Assemblée Générale est l'Organe suprême de l'Organisation ; elle a notamment les attributions de :

- définir et orienter la politique générale de l'Organisation : plan stratégique, plan d'action ;
- adopter et modifier les statuts et le règlement d'ordre intérieur ;
- élire et révoquer les Représentants légaux, les membres du Conseil d'Administration, ainsi que les membres de la Commission financière et de l'Organe de résolution des conflits ;
- approuver le rapport d'activités du Conseil d'Administration, le budget et les comptes de l'Association ;

CHAPTER 4:

Structure, authority and responsibilities of the bodies

Article 11: The structures

The organs of the Organization are the General Assembly, the Board of Directors, the Finance Committee and the Governing Body.

Article 12: The General Assembly

The General Assembly is the supreme organ of the Organization, and has particular functions:

- Define and direct the general policy of the Organization: Strategic Plan, Action Plan;
- Adopt and amend the statutes and rules of procedure;
- Elect and dismiss the legal representatives, members of the Board of Directors and members of the Financial Committee and the Governing Body.
- Approve the activity report of the Board of Directors, the budget and the accounts of the Association;

Official Gazette n°16 bis of 21/04/2014

- kwakira impano n'imirage;
- Kwakira no gusezerera abanyamuryango ;
- Kwemeza iseswa ry'Umuryango n'abagenerwa umutungo wawo.
- accepter donations et legs ;
- admettre et exclure les membres ;
- décider de la dissolution de l'Organisation et de l'affectation de ses biens.
- Accept donations and legacies;
- Admit and expel members;
- Decide on the dissolution of the organization and the allocation of its assets.

Ingingo ya 13 : Inteko Rusange isanzwe

Inteko Rusange isanzwe iterana nibura rimwe mu mwaka. Itumizwa mu nyandiko n'Uhagarariye Umuryango imbere y'amategeko, igihe atabonetse cyangwa yagize impamvu, itumizwa n'umwe mu bamwungirije ari we Mwungiriza wa mbere. Igihe abo bose batabonetse, kandi byemejwe na 2/3 by'abanyamuryango, Inteko Rusange iratumizwa, ikitoramo Perezida n'Umunyamabanga.

Ibaruwa itumiza Inteko Rusange igomba gutangwa mu minsi cumi n'itanu (15) mbere y'uko iterana; kandi ikaba ikubiyemo ingingo zizasuzumwa kuri uwo munsu.

Kugira ngo iterane ku buryo bwemewe n'amategeko, Inteko Rusange idasanzwe igomba kuba igizwe nibura n'ubwiganze bwa 2/3 by'abayigize. Iyo uwo mubare utabonetse, Inteko Rusange itumizwa bundi bushya, mu gihe kitarengeje iminsi cumi nk'uko byavuzwe haruguru. Muri iyo Nteko Rusange ya kabiri, ibyemezo bifashwe bihabwa agaciro batitaye ku mubare w'abayijemo; isuzuma kandi ingingo ziri ku murongo w'ibyigwa zonyine.

Naho ibyemezo by'inteko Rusange isanzwe bifatwa hakurikijwe ubwiganze bw'abanyamuryango bayigize.

Article 13: Assemblée générale ordinaire

L'Assemblée générale ordinaire se réunit au moins une fois par an. Elle est convoquée par écrit, à l'initiative du Représentant légal, ou, en cas d'absence ou d'empêchement de celui-ci, par un des Représentants légaux suppléants le premier Représentant légal suppléant. En cas d'absence ou d'empêchement simultané des Représentants légaux, l'Assemblée est convoquée par accord des deux tiers des membres effectifs, qui se choisissent en leur sein un Président et un Secrétaire. La lettre de convocation doit être expédiée quinze jours avant la réunion; elle mentionne les points de l'ordre du jour.

Pour siéger valablement, l'Assemblée Générale ordinaire doit réunir au moins la majorité des deux tiers des membres. Si ce quorum n'est pas atteint, l'Assemblée Générale est convoquée à nouveau selon les formes prescrites ci-dessus, dans un délai de dix jours. Au cours de cette seconde Assemblée, les délibérations seront valables quel que soit le nombre des membres présents. Elle ne statuera que sur les points portés à l'ordre du jour précédent.

Les décisions de l'Assemblée Générale Ordinaire sont prises à la majorité simple des voix des membres présents.

Article 13: Annual General Body Meeting

The Ordinary General Assembly meets at least once a year. It is convened by writing to the initiative of the legal representative or, in the absence or incapacity of the latter by a legal substitute of Representatives, the first deputy legal representative. In case of absence or impediment of simultaneous legal representatives, the Assembly shall be convened by agreement of two thirds of the members, who are chosen from among themselves a Chairman and a Secretary. The letter of invitation must be sent two weeks before the meeting with points of the agenda.

The quorum for the AGM must meet at least two-thirds majority of the members. If this quorum is not reached, the General Assembly has reconvened in the manner prescribed above, within ten days. During the second Assembly, the proceedings will be valid whatever the number of members present.

Decisions of the Annual General Meeting shall be taken by simple majority of members present.

Ingingo ya 14 : Inteko Rusange idasanzwe	Article 14: Assemblée générale extraordinaire	Article 14: Extraordinary General Body Meeting
Inteko Rusange idasanzwe iterana mu buryo bumwe n'Inteko Rusange isanzwe, kugira ngo isuzume ibibazo bikomeye kandi byihutirwa bivugwa muri Tegeko shingiro ry'Umuryango. Ishobora gutumizwa igihe icyo ari cyo cyose. Isuzuma gusa ingingo ziteganyijwe uwo munsu ku murongo w'ibyigwa. Ibyemezo byayo bifatwa ku bwiganze bwa 2/3 by'abayamuryango bayirimo.	L'Assemblée Générale Extraordinaire est réunie selon les mêmes modalités que l'Assemblée Ordinaire pour traiter de questions importantes et urgentes mentionnées dans les présents statuts. Elle peut être convoquée n'importe quand. Elle ne peut traiter que les points portés à l'ordre du jour. Ses décisions doivent être prises à la majorité des deux tiers des membres présents.	The Extraordinary General Body Meeting is held in the same manner as the Ordinary Meeting to address important and pressing issues mentioned in these statutes. It can be called at any time. It can only handle the items on the agenda. Its decisions shall be taken by a majority of two thirds of the members present.

UMUTWE WA 5:

Ibisabwa kugira ngo umuntu abe umuyobozi cyangwa areke kuba we

CHAPITRE 5:

Critères pour être et pour perdre la qualité de dirigeant

CHAPTER 5:

Criteria for leadership

Ingingo ya 15 : Abayobozi

Kugira ngo umuntu ahabwe inshingano z'Uhagarariye Umuryango imbere y'amategeko, utegurirwa uwo mwanya agomba kuba yujuje ibisabwa mu ngingo ya 27 y'itegeko n° 06/2012 ryo ku wa 17 Gashyantare 2012, bigaragazwa n'icyemezo cy'uko atakatiwe n'inkiko. Agomba kandi kuba yujuje ibivugwa mu Itegeko shingiro ry' Umuryango wa Soeurs de Sainte Chrétienne kugira ngo ahabwe umurimo w'ubuyobozi; bigashingira no k'ubushobozi, ubunararibonye, kandi yarakoze amasezerano y'umuryango. Buri wese mu Bahagarariye umuryango imbere y'amategeko, ashwirwaho n'Inteko Rusange.

Article 15: Dirigeants

Pour être nommé aux fonctions de Représentant légal, tout candidat doit satisfaire aux conditions stipulées à l'article 27 de la loi n°06/2012 du 17 février 2012, attestées par un extrait de casier judiciaire. Il doit en outre remplir les conditions stipulées par les Constitutions de la Congrégation des Sœurs de Sainte Chrétienne pour accéder à une fonction de gouvernance, notamment pour les compétences, l'expérience et les engagements de vie religieuse. Tout Représentant légal est nommé par l'Assemblée générale.

Article 15: Leaders

To be appointed legal representative, an applicant must meet the conditions laid down in Article 27 of Law No. 06/2012 of 17 February 2012, evidenced by a criminal record. She should also fulfill the conditions stipulated by the Constitutions of the Congregation of the "Soeurs de Ste Chretienne" to enter a governance function, including the skills, experience and commitment of religious life. Every legal representative is appointed by the General Assembly.

Atakaza umwanya w'ubuyobozi mu Muryango byemejwe n'Inteko Rusange, igihe atacyuzuzwa kimwe cyangwa byombi mu bisabwa byavuzwe haruguru muri iyi ngingo. Il perd la qualité de dirigeant dans l'Organisation, par décision de l'Assemblée générale, si l'une des deux conditions, ou les deux conditions, ne sont plus réalisées.

UMUTWE WA 6:

Inzego z'Ubuyobozi n'iz'igenzuramutungo

Ingingo ya 16: Inama y'Ubuyobozi

Umuryango uyoborwa n'Inama y'Ubuyobozi ikaba igizwe n'aba bakurikira:

- Perezida, ari na we Uhagarariye Umuryango imbere y'amategeko ;
- Visi Perezida, ari na we wungirije Uhagarariye Umuryango ;
- Umunyamabanga, ari na we ushinzwe Urwego rwo gukemura amakimbirane.

Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi ntizihemberwa.

Inama y'Ubuyobozi itorwa n'Inteko Rusange, ikagira manda y'imyaka icumi (10) ishobora kunguruzwa. Iterana nibura kabiri mu mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa, igatumizwa na Perezida wayo.

Ingingo ya 17: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi

Inama y'Ubuyobozi ifite inshingano yo kuyobora Umuryango. Ishinzwe kandi gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inteko Rusange, cyane cyane kubahiriza gahunda y'ibikorwa n'imikoreshereze y'ingengo y'imari ; ikagira n'inshingano yo gutegura inama zose z'Inteko Rusange.

Inama y'Ubuyobozi, byemejwe n'Inteko Rusange, ishobora guhabwa uburenganzira bwo kumvikana, gutanga ingwate, guhabwa, kugurisha, kwakira ingurane ku mutungo wimukanwa n'utimukanwa ; gutanga ingwate ku mazu cyangwa uburenganzira ku bijyanye na yo ; kuguza cyangwa gusesa amasezerano y'ingwate, gukuraho icyemezo cyafashwe ; gutanga uburenganzira ku bijyanye no kwishyurwa cyangwa kutishyurwa,

CHAPITRE 6:

Organes administratifs et d'audit financier

Article 16 : Le Conseil d'Administration

L'Organisation est administrée par un Conseil d'Administration composé par:

- un Président qui est le Représentant légal ;
- un Vice-Président qui est le Représentant légal suppléant ;
- un Secrétaire qui est aussi chargé de l'Organe de résolution des conflits.

Les fonctions de membre du Conseil d'Administration ne donnent lieu à aucune rémunération.

Le Conseil d'Administration est élu par l'Assemblée Générale pour une durée de dix (10) ans renouvelables. Il se réunit au moins deux fois par an et chaque fois que de besoin, par convocation de son Président.

Article 17 : Fonctions du Conseil d'Administration

Le Conseil d'Administration assure la gestion courante de l'Association. Il est chargé du suivi des décisions de l'Assemblée générale, en particulier de l'exécution du plan d'action et des prévisions budgétaires; il a la responsabilité de préparer chaque réunion de l'Assemblée générale.

Le Conseil d'Administration peut, avec l'aval de l'Assemblée Générale: transiger, compromettre, acquérir, vendre, échanger tous biens meubles et immeubles; hypothéquer les immeubles ou les droits réels immobiliers; emprunter, émettre des obligations garanties par hypothèque ; stipuler la

CHAPTER 6:

Administrative bodies and financial audit

Article 16: The Board of Directors

The organization is governed by a Board of Directors composed of:

- A President who is the legal representative;
- Vice-President who is the acting legal representative;
- A Secretary who is also responsible for the Body of conflict resolution.

The function of the Board of Directors does not give rise to any compensation.

The Board of Directors is elected by the General Assembly for a period of ten (10) years. It meets at least twice a year and whenever necessary, by invitation of its President.

Article 17: Duties of the Board of Directors

The Board of Directors is responsible for monitoring the decisions of the General Assembly, in particular the implementation of the action plan and budget and has the responsibility to prepare each meeting of the General Assembly.

The Board of Directors may, with the approval of the General Assembly: Compromise, acquire, sell, exchange all movable and immovable mortgaged real property or real rights; borrow, issue bonds secured by mortgage; stipulate the clause path adorned, to discharge all entries automatically with or without payment, enter into leases. Confer any special powers to agents associated or not to waive.

Official Gazette n°16 bis of 21/04/2014

guseza amasezerano, guha ububasha busesuye clause de voie parée ; donner mainlevée de toutes bwihariye intumwa z'umuryango cyangwa zihariye ; inscriptions d'office avec ou sans paiement ; conclure kureka uburenganzira ku mutungo.

des baux. Conférer tous pouvoirs spéciaux à des mandataires associées ou non ; renoncer à tous droits réels.

Ingingo ya 18: Ubuyobozi

Amabwiriza arebana n'imikorere y'umuryango ashingira ku mahame remezo rusange, nk'uko akubiyemo mu Itegeko shingiro y'Umuryango, agaragara no mu "Itegeko ngengamikorere", yemejwe n'Inteko Rusange ku bwiganze bw'abanyamuryango bayiteraniyemo.

Ibindi bikorwa bisanzwe biyoborwa n'Uhagarariye Umuryango hamwe n'Umuwungirije, bashyirwaho n'Inteko Rusange isanzwe, ku bwiganze bw'abanyamuryango bayitabiriye nk'uko bivugwa mu ngo ya 15.

Article 18: Administration

Les normes relatives au fonctionnement de l'Organisation en référence aux principes généraux de base contenus dans les présents statuts sont consignées dans un "Règlement d'Ordre Intérieur" adopté en Assemblée Générale par décision de la majorité simple des membres présents.

Les affaires courantes sont administrées par un Représentant légal titulaire et par un Représentant légal suppléant, nommés par l'Assemblée générale ordinaire, à la majorité simple des membres présents, selon les critères énoncés à l'article 15.

Article 18: Administration

Standards for the operation of the Organization in reference to general basic principles contained in these articles are recorded in "Internal Rules" adopted by the General Body Meeting by decision of a simple majority of members present.

Current affairs are administered by a legal representative and the Legal Representative alternate, appointed by the Ordinary General Body Meeting by a simple majority of members present, according to the criteria set out in Article 15.

Ingingo ya 19: Umutungo n'amafaranga

Kugira ngo Umuryango ugere ku ntego zawo, ugira umutungo wimukanwa n'utimukanwa.

Imikorere myiza y'Umuryango igerwaho biturutse ku bikorwa bibyara inyungu by'abanyamuryango, ku mfashanyo, imirage ndetse n'impano zinyuranye, bitanyuranyije n'itegeko rigenga Imiryango itagengwa na Leta ishingiyeye ku iyobokamana, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 5 n'ya 30.

Umutungo w'umuryango ucungwa n'Umwungiriza wa mbere w'Uhagarariye Umuryango, ushyirwaho n'Inteko Rusange nk'Umucungamutungo mukuru.

Article 19: Patrimoine et finances

Pour assurer la réalisation de ses objectifs, l'Organisation dispose de biens immobiliers et de biens mobiliers. Elle assure son fonctionnement par les produits générés par le travail de ses membres, des subsides, legs et dons divers, en conformité avec la loi sur les ONG fondées sur la religion, notamment en ses articles 5 et 30.

